C
EP
R
Conférence
Episcopale
du Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél. :** (+250) 789 55 08 48
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA C EP R B.P 357 Kigali Rwanda * PRESIDENT *

## ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'173 Y'INAMA ISANZWE Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE KU RUYENZI KUVA KU ITARIKI YA 11 KUGEZA KU YA 14 WERURWE 2025

Guhera tariki ya 11 kugera ku ya 14 Werurwe 2025, Inteko Rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye kuri Centre Pastoral y'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku Ruyenzi. Imirimo y'Inteko rusange y'173 y'Inama isanzwe yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda. Inama yabimburiwe n'isengesho saa yine n'iminota cumi n'itanu. Abepiskopi b'amadiyosezi icyenda bitabiriye inama bose.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko Rusange witabiriwe kandi na Padiri Tomasz GDULA, Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda wari uhagarariye Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, uri mu kiruhuko.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye Abepiskopi abaha ikaze, ababwira gahunda y'inama abifuriza kuzagira imirimo myiza. Yifatanyije na Musenyeri Arnaldo Catalan uherutse gupfusha umubyeyi, avuga ko mu izina ry'abandi Bepiskopi yifatanyije na we mu kababaro. Yashimiye Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda, waje mu nama amuhagarariye. Yibukije kandi ko inama yo mu kwa gatatu isuzuma aho umwaka w'Ikenurabushyo ugeze. Yashoje ijambo atangaza ku mugaragaro ko inama itangiye, aha ijambo Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda.

Mu ijambo rye, Umunyamabanga mu Biro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda yasangije Abepiskopi uko Yubile zizihizwa ku rwego rw'isi n'uko zagiye zikorwa mu mateka.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yamurikiye bagenzi be gahunda yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bamaze kuyikorera ubugororangingo. Imirimo y'iyi Nteko rusange yasuzumye ibiri ku murongo w'ibyigwa ingingo ku yindi:

1. **Amakuru ya Kiliziya**

Mu makuru ya Kiliziya ku isi, Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Umuyobozi w'Inama yababwiye ko Papa Fransisko akiri mu bitaro, abasaba gukomeza kumusabira hamwe n'abakristu. Yabagejejeho kandi ubutumwa bwa Karidinali Grech Mario ushinzwe sinodi ku rwego rwa Kiliziya ku isi, wishimiye ko mu Rwanda hateguwe amahugurwa kuri Sinodi yabereye i Mbare muri Diyosezi ya Kabgayi guhera tariki ya 02 kugeza ku ya 06 Werurwe 2025.

Hakurikiyeho gusangira amakuru y'ingenzi ya buri Diyosezi hagati y'Ukuboza 2024 na Werurwe 2025.

2. **Ifungwa rya za kiliziya**

Abepiskopi bafashe umwanya wo kuvugana ku bijyanye na Kiliziya zimaze igihe zifunze. Basanze igihe kimaze kuba kirekire (amezi 7) banzura kongera gusaba ababishinzwe gufungurira kiliziya abujuje ibisabwa.

3. **Amabwiriza mashya ajyanye n'Imiryango ishingiye ku myemerere**

Abepisikopi basomeye hamwe amabwiriza mashya agenga Imiryango ishingiye ku myemerere. Banzuye ko bazakomeza kuyaganiraho n'inzego zibishinzwe kugira ngo arusheho kumvikana no gushyirwa mu bikorwa.

4. **Ivugururwa rya Komisiyo na Serivisi z'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda**

Abepiskopi bagarutse ku miterere ya Komisiyo na Serivisi basanga zikwiye guhuzwa n'ibikubiye mu nyandiko Nyirubutungane Papa Fransisko yise "*Praedicate Evangelium*", bityo Komisiyo zihurizwa hamwe ziba 12, buri Komisiyo ihabwa Umuyobozi.

5. **Sinodi ku kugendera hamwe**

Musenyeri Edouard Sinayobye, Umwepiskopi wa Cyangugu, wahagarariye Abepiskopi b'u Rwanda muri sinodi yagejeje ku bandi Bepiskopi incamake y'ibyaranze amahugurwa ku myanzuro ya sinodi. Abepiskopi bafashe icyemezo cyo kugeza bene ayo mahugurwa ku byiciro bitandukanye by'abakristu. Basanze kandi Sinodi ari urumuri mu ikenurabushyo ry'ubumwe n'ubwiyunge. Hemejwe ko inyandiko ya sinodi ishyirwa mu Kinyarwanda kugira ngo ishobore kugera kuri benshi.

6. **Yubile y'impurirane**

Abepiskopi barebeye hamwe uko Yubile yagiye ihimbazwa mu madiyosezi atandukanye, bashima uburyo yagiye itegurwa, banashimira abagiye babigiramo uruhare bose. Abepiskopi bashishikarije diyosezi zitahiwe gukomeza kunoza imyiteguro ya Yubile.

7. **Inama rusange y'Ihuriro ry'Inama z'Abepiskopi bo muri Afurika na Madagasikari (SCEAM)**

Iyi Nama izabera i Kigali mu Rwanda guhera tariki ya 30 Nyakanga kugeza tariki ya 03 Kanama 2025. Abepisikopi basabye abagize Komisiyo zitandukanye zitegura iyo Nama gukomeza gushyira imbaraga mu myiteguro kuko igihe cy'Inama cyegereje.

8. **Ikigo cya Mutagatifu Tereza w'Umwana Yezu (Centre Sainte Thérèse de l'Enfant Jésus)**

Umwepiskopi wa Diyosezi ya Cyangugu yamenyesheje Abepiskopi ko habaye Inama y'ubutegetsi ya Centre Sainte Thérèse de l'Enfant Jésus (Conseil d'Administration) yashyizeho Umuyobozi w'ikigo n'Umuhuzabikorwa w'ubutumwa bwo gutega amatwi no guherekeza abagana serivisi y'ikigo.

9. **Inyandiko ikubiyemo amabwiriza yo kurinda abana ihohoterwa**

Abepiskopi bongeye kurebera hamwe inyandiko ikubiyemo amabwiriza yo kurinda abana ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abepiskopi bashimye umurimo wakozwe barayemeza banzura ko itangazwa.

10. **Imitunganyirize ya Liturujiya**

Perezida wa Komisiyo y'Imihango Mitagatifu n'Itangwa Riboneye ry'Amasakaramentu yamenyesheje abandi Bepisikopi ko inyandiko ya Liturujiya inoze iriho itegurwa, ikazamurikwa mu nama itaha yo mu kwezi kwa Gicurasi kugira ngo yemezwe n'Abepiskopi. Abepisikopi babiganiriyeho basanga koko hari aho abakrisitu babusanya mu bikorwa bimwe bya Liturujiya, basanga byaba byiza bahawe umurongo bigakorwa ku buryo buhuye. Yabagejejeho kandi ibyavuye mu nama yahuje abahanzi gatolika. Abepiskopi bavuze ko bazakomeza kubaherekeza, babashishikariza gukomeza impano zabo n'ubutumwa bwabo muri Diyosezi barimo.

11. **Inyubako nshya ya "Centre Pastoral"**

Abepiskopi barashimira ababafashije bose mu mushinga wo kubaka "Centre Pastoral" iherereye muri Paruwasi ya Ruyenzi muri Diyosezi ya Kabgayi. Abepiskopi bavuze ko izakomeza gutunganywa no gushyirwamo ibyangombwa kugira ngo izashobore kugera ku ntego zayo.

12. **Igihango cy'uburezi**

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda yagejeje ku bandi Bepiskopi ibijyanye n'Igihango cy'uburezi (Pacte Educatif) kigamije kubaka ubumuntu, gutega amatwi abato, uruhare rw'umuryango n'umutegarugori mu burezi, kubana neza mu mahoro no mu budasa, kwita ku bidukikije, gutega amatwi abakiri bato, ubukungu n'imiyoborere ishyize imbere

inyungu rusange. Abepiskopi basuzumye n'uburyo igihango cy'uburezi gishyirwa mu bikorwa mu burezi mu Rwanda.

**13. Inama ya ACEAC**

Nyiricyubahiro Antoni Karidinali Kambanda na Musenyeri Visenti Harolimana bagejeje ku bandi Bepiskopi uko inama ya ACEAC yabereye Dar Es Salaam muri Tanzaniya yagenze. Yahuje Abakaridinali, Abakuriye Inama z'Abepiskopi ba Kongo, u Rwanda n'uBurundi, Abepiskopi bayobora Komisiyo z'Ubutabera n'amahoro, Abanyamabanga bakuru b'Inama z'Abepiskopi, Abanyamabanga ba Komisiyo z'ubutabera n'amahoro, n'abashakashatsi mu kubaka amahoro bava muri ibyo bihugu. Byari mu rwego rwo kwigira hamwe icyafasha kurenga ibitanya abatuye akarere k'Ibiyaga bigari no kurebera hamwe umusanzu wa Kiliziya mu kugarura amahoro n'ubuvandimwe, bamurikiwe n'Ivanjili.

**14. Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho**

Abepiskopi baganiriye ku mushinga w'aho kwagurira ibikorwa by'Ingoro ya Bikira Mariya i Kibeho ugeze. Abepisikopi barashishikariza abakristu n'abakunda Kibeho gutera inkunga uwo mushinga w'Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo.

Bikorewe ku Ruyenzi, ku wa 14 Werurwe 2025.

**Padiri Vedaste Kayisabe**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P 357 Kigali
Rwanda
* PRESIDENT *